# Ubuhinzi bw'u Rwanda: Uburyo bukomatanyije bwo kurwanya udukoko n'indwara

## Imbata y'isomo

**Igihe cyose:** Amasaha 2 n'iminota 20

**Abahugurwa:** Abahinzi

**Uhugura:** Abahugura abahinzi

**Aho amahugurwa abera:** Umurima shuri

**INTEGO:**

- **Intego ya 1: Abahinzi barashobora kumenya neza udukoko n'indwara by'ingenzi bifata kawa, n'uburyo biyangiza.**
- **Intego ya 2: Abahinzi barashobora kumenya neza udukoko twiza n'uburyo bwo kutubungabunga.**
- **Intego ya 3: Abahinzi barashobora kwerekana uburyo umuntu agenzura ibiti akareba udukoko, indwara n'udukoko twiza biriho.**
- **Intego ya 4: Abahinzi barashobora kumenya neza uburyo bunyuranye bwo kurwanya udukoko n'indwara, ndetse n'akamaro ko kwifashisha uburyo bukomatanyije.**
- **Intego ya 5: Abahinzi barashobora kumenya neza uburyo bunoze bwo kurwanya udukoko n'indwara byihariye.**

**IBIKORESHO:**

- Udukoko/indwara n'udukoko twiza
- Amajagi (byibura 2) yo kubikamo udukoko tubi n'udukoko twiza tuzima two kwerekaniraho
- Umutego w'imungu
- Ibifuka 5 bishaje (byo guhanagura igiti)

| IGIHE | IBIKUBIYEMO |
|---|---|
| **Iminota 10** | **INTANGIRIRO**<br><br>**KWIBWIRANA**<br>▪ Uhugura<br>▪ Abahugurwa<br>▪ Abashyitsi<br><br>**INTEGURO**<br>Shyiraho amategeko azagenga amahugurwa.<br><br>**ISUBIRAMO:** Vuga ku mahugurwa aheruka ubaza abahugurwa ibibazo bike:<br><br>**ISUBIRAMO:** Intego n'inshamake:<br>▪ Uku kwezi tuziga uburyo bwo kurwanya udukoko n'indwara zifata kawa n'uburyo bwo kubigenzura no kubirwanya mu buryo burambye.<br>▪ Tuzavuga kandi ku dukoko n'ibyonnyi bifite akamaro tunaganire ku buryo bwo kurinda udukoko twiza no kurwanya indwara.<br><br>**IGIKORWA: AGAKURU KO KUBINJIZA MU ISOMO**<br>Shaka agakuru kaberanye n'abahugurwa ufite. |
| **Iminota 15** | **INTEGO YA 1: Abahinzi barashobora kumenya neza udukoko n'indwara by'ingenzi bifata kawa, n'uburyo biyangiza**<br><br>**BAZA:** Ni irihe tandukaniro abahinzi babona hagati y'agakoko n'indwara?<br>**IBISUBIZO:**<br>▪ Agakoko ni inigwahabiri nk'inda cyangwa se umubu ushobora kubonesha ijisho.<br>▪ Indwara ni imimerere itari myiza iterwa n'agakoko kataboneshwa ijisho nka virusi itera abantu kurwara ibicurane.<br>▪ Udukoko n'indwara bifata kawa bishobora kwangiza umusaruro wa kawa, ikagabanya ubwiza bwa kawa ndetse n'umusaruro ndetse byakwangiza igiti cyose cya kawa biramutse bitarwanijwe. |

**IGIKORWA: Guhuza udukoko n'indwara**

a) Gabanya abahinzi mo amatsinda atanu. Buri tsinda urihe agakoko/indwara.
b) SABA abahinzi kumara iminota itanu baganira ku buryo utwo dukoko cyangwa indwara byitwa n'uburyo byakwangiriza kawa.
c) SABA buri tsinda kwerekana ibyo bagezeho mu biganiro.
d) Nyuma ya buri tsinda ryerekanye ibyo ryakoze, ongeraho aya makuru akurikira:


Andi makuru ku Gikorwa:


| ***Udukoko:*** | |
|---|---|
| **Uduhundunguru/utumatirizi**<br>▪ Udukoko duto, turambuye, dufite ibara ry'umweru, icyatsi cyangwa ikigina.<br>▪ Tuba ku mashami y'icyatsi, maze tukanyunyuza amazi (nk'uko umubu unyunyuza amaraso).<br>▪ Duca intege ikimera, dukaba twakwangiza amashami n'ibiti.<br>▪ Ducira ibisukari bikurura inshishi, zikuzura ku giti bigatuma uduhundunguru turindwa ibyatwica.<br>▪ Ku bisukari biterwa n'uturyi hazaho ibintu bias n'umukara, bigatuma igiti cyangwa amababi ahinduka umukara. Bituma urumuri rwageraga ku mababi rugabanuka, bityo igiti ntikibone ingufu z'izuba zose cyagombaga kugira kugira kibashe gutanga umusaruro. |  |
| **Imungu z'ibitumbwe**<br>▪ Ni utumungu duto tw'umukara ducukura ku gitumbwe hejuru, aho ururabyo rwahungutse.<br>▪ Icyana cyayo kiba imbere mu gitumbwe, kigacukuramo utundi twobo twinshi, maze kawa igapfa burundu.<br>▪ Imungu zikuze zishobora kuba mu bitumbwe bishaje igihe cy'amezi menshi. |  |

| | |
|---|---|
| **Imungu y'umweru**<br>▪ Inkuru zigira igikonoshwa.<br>▪ Inkuru zitera amagi yazo ku gishishwa cy'giti.<br>▪ Icyana cyazo gishobora kumara imyaka 2 gitunzwe no kumunga igishishwa cy'igiti. Byangiza igishishwa cy'igiti gake gake, ndetse n'igiti.<br>▪ Inkuru kigaragaza mu mvura, gishaka aho gitera amagi. |  |
| **Udusurira**<br>▪ Udusurira tw'umukara n'utwa oranje.<br>▪ Inkuru n'ibyana bitunzwe no kunyunyuza amazi, bikonona ibitumbwe n'indabo, bigatuma ibitumbwe bigwa hasi cyangwa bikabora.<br>▪ Udusurira dutera amagi y'umweru mu matsinda y'amagi 12 ku mababi no ku bitumbwe. |  |
| ***Indwara**:* | |
| **Rugese**<br>▪ Uruhumbu ruzana ifu ijya gusa n'umuhondo munsi y'ibibabi.<br>▪ Urwo ruhumbu rutuma amababi Yuma akagwa, bikaba byatuma amashami yangirika mu gihe amababi menshi yahubutse.<br>▪ Uru ruhumbu rukwirakwizwa n'ibitonyanga by'imvura bityo Rugese itangira mu gihe cy'Imvura, n'ubwo amababi aremera cyane mu gihe cy'izuba.<br>▪ Ibimenyetso bya mbere bya Rugese bigaragara ku mababi ahagana hasi ku giti.<br>▪ Rugese iba ikaze cyane ku butumburuke bugufi aho ubushyuhe buba buri ku gipimo cyo hejuru. |  |

**BAZA**: Mbese abahinzi baba babona utundi dukoko n'izindi ndwara mu biti byabo bya kawa?

**MUBIGANIREHO**

<table>
<tr><td></td><td></td></tr>
<tr><td>Iminota 15</td><td>
INTEGO YA 2:  Intego ya 2: Abahinzi barashobora kumenya neza udukoko nkenerwa n’uburyo bwo kutubungabunga<br><br>
BAZA: Muratekereza ko udukoko twose ari tubi?<br>
IGISUBIZO: Oya! Udukoko tumwe ahubwo ni inshuti z’umuhinzi.<br><br>
BAZA: Mushobora kuvuga udukoko n’ibyonnyi byiza mwaba muzi?<br>
IBISUBIZO:
<ul>
<li>Inzuki zibangurira ibihingwa zikanakora ubuki</li>
<li>Udukoko turya utundi dukoko nk’ibitagangurirwa, tumwe mu dusurira, urutambara n’uruvu.</li>
</ul>
<table>
<tr><th colspan="2">UDUKOKO N’IBYONNYI BIKENEWE</th></tr>
<tr><td>Uruvu<ul><li>Uruvu rurya udukoko twinshi, nk’udusurira.</li></ul></td><td></td></tr>
<tr><td>Udusurira twiza<ul><li>Tuba twiburungushuye hejuru kandi tugira amabara y’umukara n’umutuku (uteri oranje).</li><li>Udukuru n’ibyana bose birya uturyi, akenshi usanga tuba hamwe.</li><li>Ntutwitiranye n’udusurira tubi.</li></ul></td><td></td></tr>
<tr><td>Ibitagangurirwa<ul><li>Birya udukoko twinshi.</li></ul></td><td></td></tr>
</table>
</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| **Urutambara**<br>▪ Rurya udukoko twinshi, nk'udusurira.<br>▪ Intambara zisaga 100 ziva mu gikono kimwe cy'amagi.<br>*Icyitonderwa ku Uhugura: Erekana igikono cy'amagi yarwo cyangwa ifoto yacyo.* |  |
| **Utuvubi duto**<br>▪ Ni utuvubi duto dutera amagi ku magi y'utundi dukoko. (Ntacyo dutwara abantu).<br>▪ Ibyana byatwo birya andi magi bikayica.<br>▪ Dukunda kuyatera ku magi y'udusurira. Amagi y'udusurira yatewe amagi n'utwo tuvubi ahita ahinduka ikigina, bityo akavamo utuvubi mu gihe ayasigaye ari umweru avamo udusurira.<br>▪ Utuvubi tuguruka turwanya cyane udusurira tubi. |  |

**BAZA: Udukoko n'ibyonnyi bikenewe bifasha bite umuhinzi?**

**IGISUBIZO:**
Udukoko tubi twose tugira abanzi nk'udukoko n'ibyonnyi bikenewe twabonye. Utu turya turiya dukoko tubi kandi tugatuma umubare watwo utiyongera.

**BAZA:** Urakeka ko bizagendekera bite udukoko dukenewe nuramuka uteye umuti wica udukoko?
**IBISUBIZO**:

- Umuti wica udukoko uzica na za nshuti z'umuhinzi, nk'inzuki n'udukoko n'ibyonnyi bikenewe.
- Udukoko dukenewe tuzapfa kandi umubare w'udukoko tubi tuzatangira kwiyongera kubera ko nta tundi dukoko tuzaba tuturya.
- Ubwo rero uzakomeza gutera umuti ariko ntizaba ukemura ikibazo cy'udukoko kandi bizakugora cyane kubona umusaruro wa kawa.

**SOBANURA:** Ubwoko ubwo ari bwo bwose b'umuti wica udukoko bwakoreshwa gusa nk'uburyo bwa nyuma igihe ubundi bwose bwananiwe kurwanya utwo dukoko cyangwa izo ndwara.

<table>
<tr><td>Iminota 30</td><td>INTEGO YA 3: Abahinzi barashobora kwerekana uburyo umuntu agenzura ibiti akareba udukoko, indwara n’udukoko nkenerwa biriho.<br><br>SOBANURA:<br>▪ Mbere y’uko tuvuga ku kuryo bwo kurwanya udukoko n’indwara, dukeneye kubanza kumenya udukoko n’indwara byaba biri mu mirima yacu.<br><br>BAZA: Twamenya dute  udukoko n’indwara byaba biri mu mirima yacu?<br><br>IBISUBIZO:<br>▪ Turareba ibiti bike by’ikawa. Ibi byitwa IGENZURA, kandi ni uburyo bwo kugenzura ibiti bike bya kawa tureba udukoko n’indwara ndetse n’udukoko dukenewe byaba biri muri ibyo biti.<br>▪ Igihe tumaze kumenya udukoko n’indwara ndetse n’udukoko dukenewe byaba biri mu biti byawe bya kawa, ushobora kumenya niba ugomba gufata ingamba zo kubirwanya.<br><br>SOBANURA:<br>▪ Abahinzi bagomba kugenzura imirima yabo buri kwezi, cyangwa se inshuri nyinshi zirenze izo.<br>▪ Bagomba guhitamo ibiti 5 kuri buri biti 200 nta kindi bagendeyeho. Ntufate ibiti biri ku mpera z’umurima.<br>▪ Turaza gukora igikorwa kugira ngo twemeze ingano y’udukoko n’uburwayi mu murima wo kwerekaniraho.</td></tr>
</table>

**IGIKORWA: Kugenzura udukoko tubi, indwara n'udukoko n'ibyonnyi bikenewe.**

a) Toranya igiti kimwe cya kawa hanyuma WEREKANE uko bashakaho udukoko n'indwara; SOBANURA icyo urimo gushaka n'aho ugishakira. Ereka abahinzi ibyo ubonye, hanyuma ubahe inshamake.

| | |
|---|---|
| **Udusurira** | Banza ushake udusurira kuko nunyeganyeza igiti, turahita tujya kwihisha kutubona. Reba ku mashami no ku bitumbwe. Hanyuma ushake n'amagi n'umweru cyangwa ikigina. Ubare umubare w'udusurira dukuze n'ibyana buri giti. |
| **Imungu y'umweru** | Rebera ku gitsinsi cy'igiti ahagana hasi. Kuba igishishwa cy'igiti. Hari ahan ibyana by'imungu y'umweru byaba byarariye? Hari utwobo ubona ku gits ukabona igiti cyaramunzwe? |
| **Uturyi** | Rebera ku dushami duto duhera amashami, no ku byonnyi. Hari uturyi ub cyangwa Oya? Rebera kandi ku bintu by'umukara dushyiraho, n'inshishi. duhari. |
| **Imungu z'ibitumbwe** | Rebera hejuru ku mitwe y'ibitumbwe ku mashami 5. Hari utwobo ubonah ku bitumbwe bingahe? |
| **Rugese** | Itangirira ku giti hasi. Hindukiza amababi urebe niba hari uruhumbu rusa Reba ku mababi yaguye. Hari urugese ubona ku giti hasi, hagati cyangwa |
| **Udukoko dukenewe** | Ni utuhe wabonye mu gihe warebaga udukoko twangiza? Shakisha kandi<br><br>▪ Ibitagangurirwa n'uruvu<br>▪ Urutambara n'ibikono by'amagi (ntuyanyeganyeze)<br>▪ Udusurira twiza n'ibyana byatwo, kandi tugaragara turi ahari uturyi k tudutunga.<br>▪ Amagi y'ududurira yateweho amagi: aba afite ibara ry'ikigina. |

b) Gabanya abahinzi mo amatsinda hanyuma usabe buri tsinda kumara iminota itanu mu murima wo kwerekaniraho buri tsinda rigenzure igiti kimwe.
c) SURA buri tsinda urihe inama ugire n'icyo uvuga ku byo bakora igihe bagenzura ibiti.
d) SABA amatsinda abiri kugeza ku bandi ibyo bagezeho.
e) BARA umubare mpuzandengo w'udusurira twabonetse kuri buri giti (Ufate umubare w'udusurira twose ugabanye n'umubare w'ibiti byagenzuwe)
f) BAZA: Haba hari udukoko n'indwara dukwiriye kurwanya?
g) BAZA: Ni udukoko nkenerwa tungahe twabonetse? Niba ari duke, muganire ku mpamvu zaba zibitera. (Bushobora kuba bwarishwe n'imiti)

| | |
|---|---|
| | |
| **Iminota 15** | **INTEGO YA 4: Abahinzi barashobora kumenya neza uburyo bunyuranye bwo kurwanya udukoko n'indwara, ndetse n'akamaro ko kwifashisha uburyo bukomatanyije.**<br><br>**Sobanura**:<br>▪ Wibuke ko twavuze ko twagombye gukoresha imiti yica udukoko nk'uburyo bwa nyuma mu gihe ubundi buryo bwose ntacyo bwatanze.<br>▪ Mu cyimbo cy'imiti dushobora gukoresha uburyo butandukanye bwitwa Uburyo bukomatanyije bwo kurwanya udukoko n'indwara.<br>▪ Uburyo butandukanye iyo bukoresherejwe hamwe buzatuma umubare w'udukoko n'ubukana bw'indwara biguma ku rugero rwo hasi ku buryo bitakwangiriza kawa yawe.<br><br>*Icyitonderwa ku Uhugura: Kusanya ibitekerezo hamwe n'abahugurwa, hanyuma mufatanye gusuzuma ibisubizo.*<br><br>**BAZA**: Ni ubuhe buryo bushobora gukoreshwa mu kurwanya udukoko n'indwara?<br><br>**IBISUBIZO**: Koresha ingero<br><br>▪ **Gufata ibiti neza**<br>o <u>Ibigitunga biboneye</u>**:** Uhe ibiti ubuzima bwiza ukoresheje kubigaburira neza. Kugaburira igiti neza birwanya cyane indwara ya Rugese. SOBANURA: Igiti cyagaburiwe neza ni nk'umuntu ufite ubuzima buzira umuze. Kizagumana ubuzima bwiza kandi kizahangana n'indwara. Igiti cyagaburiwe nabi ni nk'umuntu wagize imirire mibi. Kizarwara mu buryo bworoshye.<br>o Gukatira nogusazura kawa neza: Ibi bizafasha umwuka gutembera neza kandi urumuri rushobore kwinjira mu mashami, bigafasha mu kurwanya udukoko twangiza kawa nk'udusurira.<br>o <u>Isuku y'igiti</u>: Kusanya ibitumbwe byafashwe n'uburwayi hanyuma ubutwike, cyane cyane mu gihe musoza isomo. Ibi bizafasha mu kugabanya imungu y'ibitumbwe.<br>o <u>Imihingire inoze</u>: Gabanya Ubujyahabi bw'ikawa ukoresheje gusasira, kubagara no kurwanya igicucu mu biti by'ikawa. Tuziga uburyo ibi bikorwa mu mezi ataha. |

| | |
|---|---|
| | - **Gukoresha ibinyabuzima mu ikawa**<br>  - Kora ku buryo udukoko dukenewe twiyongera nk'uko twabivuze mbere ugabanya ikoreshwa ry'imiti yica udukoko cyangwa se ukoresha imiti itabangamira udukoko dukenewe.<br><br>- **Uburyo bw'amaboko.**<br>  - Koresha imitego cyangwa se ufate udukoko ukoresheje intoki. Imitego ishobora gukoreshwa mu gufata imungu yo mu bitumbwe naho udusurira dushobora gufatwa tukanicwa hakoreshejwe intoki.<br><br>- **Ubwoko bwa kawa buhangana n'indwara:**<br>  - Koresha ubwoko bwa kawa buhangana n'indwara bushobora kuboneka cyangwa bwemejwe.<br><br>- **Imiti yica udukoko.**<br>  - Ukoreshe imiti yica udukoko nk'uburyo bwanyuma mu gihe ubundi buryo bwose butashoboye gukemura ikibazo cy'udukoko n'indwara kandi buguteza igihombo mu bukungu.<br>  - Nukoresha imi yica udukoko, ukoreshe imiti yica gusa udukoko tutifuzwa. Cyangwa se ukoreshe uburyo butoranya aho umuti ugera nko kuwusiga ku mubwimba w'igiti cy'ikawa (ibi byitwa kandi nko gushyira bande ku giti)<br>  - Imiti yica udukoko ishobora kugira ingaruka mbi ku bayikoresha, ku muryango mugari no ku bidukikije. Igomba rero gukoreshwa gusa n'ababihuguriwe.<br><br>**BAZA: Ese ushobora kubana udukoko n'indwara zifata kawa ku rugero rwo hasi mu murima wawe?**<br>**IBISUBIZO:**<br>- YEGO. Ibi ntibizagutera ingorane nyinsh; Ntushobora kukemura ibibazo byse uko bingana burundu.<br>- Ugomba gukora ku buryo haba uburinganire hagati y'udukoko tubi n'udukoko dunenewe.<br>- Ni byiza gukoresha uburyo bukomatanyije mu kurwanya udukoko tubi n'indwara zibasira kawa kugira ngo bitagera ku rugero rwateza igihombo ku musaruro wawe bityo bikagusaba gukoresha imiti yica udukoko kandi twabonye ko atari myiza igihe cyose.<br><br>**BAZA**: Ese ni byiza gutera imiti yica udukoko buri gihe? |

<table>
<tr>
<td></td>
<td>

**IBISUBIZO:**

- OYA. Ntukigere utera imiti yica udukoko ku buryo buhoraho.
- Uzakoreshe imiti yica utukoko GUSA igihe wakoresheje ubundi buryo bwo kurwanya udukoko n'indwara ariko biraba bitarakemuye ikibazo ahubwo ikawa zawe aikarushaho kwangirika. Ibi biba akenshi ku ndwara zifata ibitumbwe bya kawa ndetse na Rugese mu gihe cy'imvura nyinshi.

Ubu buryo buzatuma uzigama amafaranga kandi buzakemura ikibazo mu buryo burambye.

</td>
</tr>
<tr>
<td>

**Iminota 45**

</td>
<td>

**INTEGO YA 5 Abahinzi barashobora kumenya neza uburyo bunoze bwo kurwanya udukoko n'indwara byihariye**

*Icyitonderwa ku Uhugura: Hitamo udukoko n'indwara byibasira abahinzi uhugura kuruta ibindi, abe aribyo*

**SOBANURA: Uko barwanya udusurira**



1. Katira kawa kugira ngo haze umucyo: udusurira dukunda kwihisha mu bucucike bw'amashami n'ibibabi. gukatira kawa bituma tubura aho twihisha bityo tukagenda.
2. Honyora agasurira aho ukabonye hose umene kandi amagi y'umweru yatwo yose.
3. Koresha ibinyabuzima: Ntuzigere utera imiti yica udukoko, kubera ko byakwica amagi y'udukoko dukenewe. Ntumene amagi y'ikigina kuko arimo utumonyo tuguruka twica udusurira tubi.
4. Imiti yica udukoko: Ukoreshe imiti yica udukoko ari uko ufite impuzandengo y'udusurira turenze tubiri ku giti (uru ni rwo rugero rudashobora kwihanganirwa rw'udusurira) nyuma yo gukoresha ubundi buryo **bwose**.

</td>
</tr>
</table>

**Ese umuhinzi agomba gutera umuti wo kwica udusurira?**

**SOBANURA**: Igihe umuhinzi agenzuye ibiti akabona udusurira 5 mu biti 10.

**BAZA:** Ese ni ngombwa ko atera umuti wica udukoko?
**igisubizo**: Umuhinzi aba afite impuzandengo y'udusurira 0.5 ku giti, tukaba turi munsi y'urugero rudashobora kwihanganirwa rw'udusurira 2 mu giti. Umuhinzi rero ntagomba gutera umuti ahubwo akwiriye gukoresha ubundi buryo twaganiriyeho kandi agakomeza gukurikirana impinduka mu mubare w'udusurira.

**SOBANURA: Uko barwanya imungu y'ibitumwe**



1. Ntukoreshe imiti yica udukoko. Nta kintu byamara ku mungu z'ibitumbwe, kuko ziba imbere mu bitumbwe. Iyi miti ahubwo izica udukoko dukenewe.
2. Isuku y'umusaruro: Sarura buri gihe ikawa zihishije kandi uhore utora ibitumbwe byaguye. Aha ni ho udusurira dukuze dutera amagi tukororoka.
3. Kuraho ibitumwe mu mpera z'igihe cy'ihinga: Kura ibitumbwe byose ku biti birimo ibitumbwe by'umukara, ibyahishije birenze n'ibyaguye hasi.
4. Koresha imitego: Niba imungu y'ibitumbwe irimo kukwangiriza, ushobora gukoresha imitego ugafata imungu zikuze. Ushobora kwikorera iyi mitego ukoresheje ibikoresho biboneka iwawe.

**SOBANURA**: Ubu tugiye kwiga uburyo bwo gutegura no gukoresha umutego w'imungu yo mu bitumbwe.

**IGIKORWA: Gutegura no gukoresha umutego w'imungu yo mu bitumbwe:**

*Erekana umutego w'imungu y'ibitumbwe, unasobanure ukuntu bawukurikirana banawurinda. Bahe uwo mutego bawuhererekanye ku buryo abahinzi bose bawubona. Noneho ushyire umutego umwe muri kimwe mu biti biri mu murima wo kwerekaniramo*

SOBANURA*:*

1. Koresha icupa rya litiro1, 3 cyangwa 5, maze urisige irangi rya oranje, ku buryo isa nk'igitumbwe cya kawa kinini. Bikurura imungu y'ibitumbwe.
2. Kata imyenge minini 2 cyangwa 3 ku icupa, hafi yo mu cya kabiri, gusa ntuyikate hafi y'umunwa waryo.
3. SHYIRA akobo hafi y'ijosi ry'umutego, uwumanikishe akagozi ahareshya n'aho idirishya ritangirira. Unakoreho undi mwenge ahagana hejuru kuri uwo mutego.
4. Shyira muri iryo cupa inzoga wabona hafi (nk'urwagwa cyangwa ikugage) kugira ngo bikurure imungu y'ibitumbwe. Iyo nzoga izatumuka gake gake maze ikurure imungu. Ugomba kuzajya wongeramo inzoga kuko uko itumuka igenda igabanuka.
5. Shyira amazi mu ndiba y'umutego. Ayo mazi ni yo imungu zizajya zirohama mo. Bityo ugomba kongeramo andi uko agenda atumuka.
6. Manika uwo mutego nko kuri metero imwe
7. n'igice uvuye ku butaka.
8. Umutego umwe ugomba gukoreshwa ku biti 200.
9. Sura imitego buri cyumweru, jya ujyenzura ko amazi atajya munsi ya mililitiro 2 cyangwa 3 uvuye ku ndiba ndetse ko n'izoga muri rya cupa itarakama.
10. REBA niba imungu zaguye muri ya mazi.
    *Umutego w'imungu yo mu bitumbwe*.



**SOBANURA: Uko barwanya inkangabashi**:



1. <u>Irinde ibishishwa bishaje</u>: Inkangabshi itera amagi ku bishishwa bikomeye. Ibiti bishaje biba indiri y'aho imungu zitera amagi. Gusazura kawa mu buryo buhoraho bigabanya aho zitera amagi.
2. Koza igiti: Ibi na byo bizagabanya aho imungu zitera amagi. Imungu zikuze ziza ku gihe cy'imvura. Bityo rero, **mbere y'igihe cy'imvura**, koresha ibifuka uhanagure witonze ibishishwa bikomeye bya kawa nka santimetero 60 z'igiti uturutse ku butaka. Ntuzaharure cyane kugira ngo utangiriza igiti.
3. <u>Kwica ibyana by'imungu</u>: Ukoreshe urutsinga wica ibyana by'imungu niba ubonye imyobo yazo. Ikibazo gishobora kuvuka kuri ubu buryo ni uko ibyana biba byamaze kwangiriza igiti mbere y'uko ubona imyobo.

**IGIKORWA: Guhanagura igiti**

a) Mu murima wo kwerekaniramo, ereka abahinzi uko bahanagura igiti kuri cm 60 uvuye ku gitsinsi ukoresheje igifuka. *Icyitonderwa: Ntukube cyane kugira utangiza igiti; kuraho igishishwa cyangiritse* gusa. SOBANURA IBYO URIMO GUKORA.

b) SHYIRA abahinzi mu matsinda y'abantu 5 maze uhe buri tsinda umusitari wa kawa.

c) Saba buri muhinzi guhanagura yitonze igiti kimwe cyangwa bibiri kugeza ubwo ibiti byose byo mu murima wo kwerekaniraho biba bihanaguye.

d) SURA buri tsinda landi ugire icyo uvuga ku buryo barimo gukora igikorwa.

e) MWUNGURANE IBITEKEREZO. Ni izihe ngorane n'imbogamizi zabonetsemo? Ese abahinzi bashobora gukora ibi bageze iwabo?

**SOBANURA: Uko barwanya uduhunduguru/ n'utumatirizi**:



1. <u>HAGARIKA gutera imiti yica udukoko</u>: Uduhumduguru dufite utundi dusimba twinshi tuturya. Kuba mu murima hari  Uduhumduguru twinshi ku rugero rwo hejuru cyana ari ikimenyetso cy'uko hakoreshwa imi yica udukoko. Iyi miti yica udukoko dukenewe.
   HAGARIKA iterwa ry'imiti ikubita ku mababi n'imbaraga nyinshi.
   NTANBWO ikemura ikibazo ahubwo icyongerera ubukana
2. <u>Tera umuti mu buryo butoranya</u>: Niba uturyi ari twinshi cyane mu murima wawe, vanga amavuta yo guteka n'isabune y'amazi (nka teepol) maze ugende utera ahari uturyi gusa. Ibi ntibizica udukoko dukenewe. Urugero rwo kuvanga ni mililitiro 100 z'amavuta na mililitiro 50 z'isabune muri litiro 16 kugeza kuri 20 z'amazi. Ntugatere uyu muti ku biti byumagaye.

| | |
|---|---|
| **SOBANURA: Uburyo bwo kurwanya Umugese** | |
| **Gahunda yo gukoresha ifumbire ivanze** | ▪ Kugaburira kawa neza ni ingenzi cyane mu kurwanya Umugese. Bityo koresha gahunda yo gukoresha ifumbire ivanze igizwe n'ifumbire y'imborera, NPK n'ishwagara niba bishoboka. |
| **Katira ibiti neza** | ▪ Gukatira neza no gusiga amashami manini abiri kugeza kuri atatu bifasha umucyo kwinjira bikanafasha ibiti kumuka vuba.<br>▪ Kubera ko umugese ikenera amazi kugira ngo ikwirakwire, ibi bizagabanya ikwirakwira ry'iyi ndwara. |
| **Ubwoko bwa kawa buhangana n'indwara** | ▪ Koresha ubwoko bwa kawa buhangana n'indwara niba buhari. Mu mwaka wa 2015, Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buhinzi (RAB) cyazanye ubwoko bushya bwitwa **RABC15** buhangana na Rugese. Hasabwe ko abatera kawa bushya batera ubu bwoko. |
| **Uburyo buboneye bwo guhinga** | ▪ Bigabanya kubangamirwa kw'ibiti bya kawa bityo bigatuma igiti kigumana ubuzima bwiza, mu gihe ukoreshe uburyo buboneye nko kubagarira igihe, gusasira no kurwanya igicucucucu. |
| **Imiti irwanya uduhumyo** | ▪ Tembera mu murima wawe urebe ibiti byafashwe na umugese (igenzura).<br>▪ Niba ubonye umugese ku kibabi kimwe muri buri bibabi icumi (10%) kandi warakoresheje gahunda y'ifumbire inoze, ushobora noneho gukoresha imiti yica uruhumbu – iyi ni imiti yinjira mu giti ikavura iyo ndwara mu gihe itewe mu gihe cyiza.<br>▪ Wakoresha 100SL kuri ml kuri litiro 15 z'amazi, maze zigakoreshwa ku biti bikuru 20 cyangwa se 40 bitoya.<br>▪ Ntubitere ku biti byishwe n'izuba.<br>▪ Koresha Alto rimwe cyangwa kabiri mu mwaka kandi ukayikoresha hasigaye nibura iminsi 30 kugira ngo usarure kugira ngo hatagira ibisigazwa by'uyu muti byumvikana mu ikawa usarurwa. |

| | |
|---|---|
| **10 min** | **GUSOZA:**<br><br>Musubire mu masomo y'ingenzi<br><br>**IGIKORWA: Isuzumabumenyi**:<br>BAZA abari mu mahugurwa ibibazo bikurikira; usuzume ubumenyi babonye kandi ukosore aho ari ngombwa.<br>▪ Ni ubuhe buryo twakoresha mu kugabanya udukoko n'indwara mu ikawa?<br>▪ Ni ubuhe buryo bwiza bwo kumenya ibibazo biterwa n'udukoko n'indwara zifata kawa?<br>▪ Sobanura uburyo bukoreshwa mu kurwanya udusurira.<br>▪ Sobanura uburyo bukoreshwa mu kurwanya Rugese.<br><br>**INTAMBWE ZIKURIKIRA:**<br>▪ SHIMIRA abahinzi kuba bitabiriye amahugurwa. |